BUKINGA, le 21/06/1993

RUSANGANWA Constantin
Professeur au CERAI de MUGENDA
Commune TUMBA
Préfecture de BYUMBA.-

Monsieur le Ministre de la Jeunesse et du
Mouvement Associatif
KIGALI.-

Objet: Transmission du Projet PLEUROTTE et demande de financement.-

Monsieur le Ministre,

J'ai l'honneur de m'adresser respectueusement auprès de votre haute autorité pour solliciter par le biais de votre projet 'MICRO REALISATIONS" une subvention en faveur du projet "CULTURE DE CHAMPIGNON PLEUROTE" que j'ai envie de développer dans la Commune de TUMBA, en Préfecture de Byumba.

En maintes occasions, j'ai assisté avec grand intérêt au chantier d'expérimentation et je bénéficie d'une documentation suffisante pour le projet à ériger.

Si ma demande rencontre votre approbation, j'aimerais bénéficier d'un crédit de HUIT CENT TRENTE QUATRE MILLE SEPT CENT CINQUANTE FRANCS RWANDAIS (834.750 FRW) pour l'achat du matériel indispensable au bon fonctionnement dudit projet pendant 2 ans environ, tel que le montre le devis en annexe.

En espérant une suite favorable à ma requête, je vous prie d'agréer, Monsieur le Ministre, l'assurance de ma considération très distinguée.

RUSANGANWA Constantin.-

Copie pour information à:
- Monsieur l'Encadreur de la Jeunesse Préfecture de BYUMBA.-
- Monsieur le Bourgmestre de la Commune TUMBA BYUMBA.-
- Monsieur l'Encadreur de la Jeunesse Commune TUMBA.-
- Monsieur l'Inspecteur de Secteur Scolaire TUMBA.-
- Monsieur le Directeur du CERAI MUGENDA TUMBA.-
- Monsieur le Professeur du CERAI de MUGENDA TUMBA.-

# UBULYO BWO GUTERA IBIHUMYO.

1. Uko umushinga wavutse mu gihugu.

   - Mu gihugu cyacu habonetse ubulyo bwo guhinga ibihumyo mu bigo bimwe na bimwe byabyiyemeje nka DUHAMIC-ADRI i Kigali, muli KAMINUZA i Butare, no mu mushinga PASA/DGB, muli KIYAKA ku Gisenyi, no muli URG i Gitarama.
   - Ubwoko bw'ibihumyo buhingwa ni PLEUROTE bahinga ku byatsi byumye nk'ibishogoshogo by'ibishyimbo, ibigori, soya, amashaza, amasaka, umuceri no ku biganagano.

2. Ahantu :
   - Babihinga ahantu hali agacucu, ubushyuhe bulinganiye budahindagulika, amazi menshi mu kirere, umwuka uhagije kandi mwiza.
   - Haba ali mu kazu gafite utudilishya kugira ngo umwuka n'urumuli bishobore kwinjira mu nzu.
   - Nifuza kubihinga muli Cellule BUKINGA, Komini TUMBA/BYUMBA.

3. Uko bahinga PLEUROTE

   - Babihinga ku byatsi byumye bacagaguramo uduce dutoya, hagati ya cm 5 na cm 10.
   - Gushyira utwo duce mu ngunguru ukabirengeza amazi, ugacanira amazi akabira nk'iminota 30.
   - Kwarulira bya byatsi ku gatara k'imbingo bigakamukamo amazi kandi bigahora. Hagomba isuku y'ako gatara.
   - Gushyira bya byatsi mu mufuka wa plastiki kugera kuli cm 10, nyuma ukanyanyagizaho uruhumbu. Ubwo ukabikomeza utyo kugera byuzuye. Nyuma ukawufunga, ugatobora utwenge mu mpande no mu ndiba ukoresheje umusumali kugira ngo umwuka winjire, maze ibyoba bikure neza.
   - Gutereka imifuka yatewemo mu kazu kabigenewe, iteretse ku biti ngo idakora ku butaka mikorobi zikagarukamo.
   - Gutosa iyo mifuka basukaho amazi buli munsi, kandi bakomeza gusüra.
   - Nyuma y'ibyumweru 2 cyanga 4, uruhumbu ruba rwakwiliye ku byatsi ku bulyo umufuka uhinduka umweru, ubwo haba hatangiye kuzaho imitwe y'ibihumyo.
   - Icyo gihe rero uhita uvanaho umufuka, ibyatsi byarabaye umugina, ugatangira kuvomerera byibuze kabili mu munsi, mu gitondo na nimugoroba.

4. Gusarura ibihumyo.

   - Nyuma y'iminsi 3 cyanga 4, ibihumyo bimera ali byinshi, maze ukabireka bigakura neza. Ubwo ingofero zabyo zitangira kwihinduliza zireba hejuru, maze ukabisarura udasenya umugina kuko ushobora gusarura inshuro 4 cyanga 5, nyuma ugasaza ndetse ali nako umusaruro ugenda utuba.
   - Umugina ungana na Kg 10 wateweho g 400 z'uruhumbu ugira umusaruro ungana na 6 kg z'ibihumyo. Biraruhije kumenya umusaruro mu mwaka kuko byaterwa n'ibikoresho bya ngombwa n'uko byakoreshejwe mu mwaka wose.

5. Akamaro k'ibihumyo.

   - Bashobora kubicuruliza ahantu byagira igiciro cyiza nk'amahoteri n'amaparuwasi. Bifite intungamubili zihagije nk'imyunyu ya fosifore, potasiyumu, feri, vit.B.

6. Aho byacurulizwa twavuganye:
   - Hoteli des Mille Collines;
   - Hoteli Meridien Kigali;
   - URUGWIRO;
   - Restaurant TOWN KIGALI .

.../...

7. Imbonerahamwe y'ibikenewe mu migendekere myiza y'umushinga (DEVIS)

| Ibintu | Ingano | Igiciro cya kimwe | Igiciro |
|---|---|---|---|
| 1. Thermomètre 50° C | 1 | 5.000 | 5.000 |
| 2. Akazu gato k'ibiti n'amategura | 6 m x 4 m | | 200.000 |
| 3. Imifuka ya plastiki | amapaki 10 | 1.000 | 10.000 |
| 4. Utugiga tw'ibiti | 100 | 200 | 20.000 |
| 5. Umunzani upima 100 kg | 1 | 5.000 | 5.000 |
| 6. Ingunguru nini | 2 | 1.500 | 3.000 |
| 7. Uruhumbu (mycéllium) | | | 100.000 |
| 8. Ibyatsibyumye (ubwoko) | | | 120.000 |
| 9. Frigo | 1 | 150.000 | 150.000 |
| 10. Imipanga | 4 | 500 | 2.000 |
| 11. Zamu | 2 | 60.000 | 120.000 |
| 12. Umukozi usanzwe wa 5000 F | 1 | 60.000 | 60.000 |
| BYOSE - - - - - - - - - - - - - - - - - - - - - - - - | | | 795.000 |
| 13. Ibidateganijwe (ihinduka by'ibiciro) 5% cyanga byibagiranye - - - - - - - - - - - - | | | 39.750 |
| T O T A L   G E N E R A L | | | 834.750 |

9. <u>Abakozi byaha akazi :</u> a) Abazamu 2 bahembwa buli wese 5000 F mu kwezi.

b) Umukozi 1 usanzwe wo kubyitaho nawe uhembwa F 5000 mu kwezi.